



1

Ijambo risoza ihuriro ry'Imiryango y'Agisiyo Gatolika (Forum MAC)

Ruhengeri, 14/10/2017

Nyakubahwa Padri Mukuru wa Paruwasi Cathedrale ya Ruhengeri,

Nyakubahwa Padri ushinzwe ubutumwa bw'Abalayiki muri Diyosezi yacu ya Ruhengeri,

Basaserdoti, Bihayimana,

Banyakubahwa bayobozi mu nzego zitandukanye,

Bakristu, Bavandimwe nkunda,

Twateraniye hano duhujwe n'ibyishimo n'ishema dutewe n'uko turi abana Imana ikunda cyane, abakristu, abana ba Kliziya.

Mbere ya byose, bavandimwe mugize Imiryango ya Agisiyo gatolika, amahuriro n'amatsinda y'abakristu, ndabashimira uruhare rukomeye mufite mu gukomeza ikibatsi cy'ukwemera, ukwizera n'urukundo mu muryango w'Imana uri mu Ruhengeri. Mufite uruhare ndasimburwa mugira mu buzima no mu butumwa bwa Kliziya mu nzego zayo zose: Imiryangoremezo, Santrali, Paruwasi, Diyosezi ndetse na Kliziya yose muri rusange.

Ku buryo bw'umwihariko nongeye kubashimira uruhare mwagize mu ihimbaza rya Yubile y'imyaka 50 ya Diyosezi yacu. Mwahisemo kandi mwinjira neza mu cyerekezo cy'imyaka 20 cya Diyosezi yacu (2015-2035). Imbaraga n'ishyaka mu by'Imana bibaranga bigaragarira mu bikorwa by'indashyikirwa biri muri Paruwasi zose za Diyosezi mu rwego rwo kuwiybaka no gukomeza kujya mbere. Iyi Katedrali yacu ya Ruhengeri tumaze umwaka twiyujurije buri wese muri mwe yabigizemo uruhare ni ishema ryacu n'ikimenyetso cy'uko twagera kuri byinshi dufatanije.

Koko muri ukuboko kw'isburyo kw'inezego z'ubuyobozi bwa Kliziya. Mutuba hafi mu butumwa. Iyo tubiyambaje mukatwitaba bwangu. Ntimugacogore ku rugamba rwo kugera ku nt ego yacu yo gushora imizi muri Kristu (reba Kol 2,7), ni ukuvuga kugera ku bukristu buhamye.

Mukomeze guhuriza hamwe imbaraga. Mwubakire byose ku kuri kw'Inkuru Nziza. Amasakramantu duhabwa kenshi kandi neza niyere imbuto z'ubutungane, ubukristu bwacu

bugaragare mu bikorwa bifatika. Muri gahunda yo gufasha umuntu wese kandi uko yakabaye mwite ku buryo bw'umwihariko ku banyantege nke, imbabare. Ndabashishikariza gukomeza kwishakamo ubushoboz mu kwiyubakira Klizya tudategereje ak'imuhana kaza imvura ihise.

Balayiki, mufite ubutumwa bwo gutuma Ivanjili imurikira isi, ikarushaho kubera uwayihanze. Nimugaragaze uruhare rwanyu muri politiki, ubukungu, imibereho myiza y'abaturage n'umuco mumurikiwe n'Ivanjili kandi muyobowe na Roho Mutagatifu.

Ku buryo bufatika uyu munsi ndifuza kugaruka ku bintu bitanu mukwiriye kubakiraho ibikomeye:

1) -Ijambo ry'Imana

Ijambo ry'Imana rifite umwanya w'icyubahiro mu buzima bw'umukristu. Ni ryo rihuza umukristu n'ugushaka kw'Imana, rikamuyobora ku mukiro, rikamubuza kuyobagurika mu butumwa ashinzwe, rikamutungira ubuzima, rikamuha inama zinyuranye mu buzima bwe bwose cyane cyane mu bihe bimukomereye. Ijambo ry'Imana niribafashe kuba abakristu batuje, bazi uwo bemeye bityo mwoye kwiruka inyuma y'abigishabinyoma, abiyita abahanuzi n'abihangishaho ingabire zo gukiza. Birakwiye rero ko buri mukristu atunga Bibliya kugira ngo ayisome, azirikane Ijambo ry'Imana kandi yitegure neza imihimbazo inyuranye y'imbaga y'abakristu.

Nkuko ameza y'amafunguro ahuriza hamwe abatuye urugo, ameza y'Ijambo ry'Imana nayo agomba kuba umusingi w'ubumwe bw'abaratuye. Isengesho ry'abakristu mu ngo nirimurikirwe kandi riyoborwe n'Ijambo ry'Imana. Buri koraniro nk'Umuryangoremezo, Santrali, umuryango w'agisiyo Gatolika, korali n'andi matsinda abakristu bahriramo, rigomba guteganya umwanya wo gusoma Ijambo ry'Imana, kurizirikana, kurisobanura no kurisangira kugira ngo ibyo bakora bituruke ku Mana kandi abe Yo biganaho.

2) -Umurage w'urukundo

Bavandimwe, hari ikintu kibabaje mbona ahantu hamwe na hamwe mu duce tumwe na tumwe twa Diyosezi yacu. Imyumvire n'imikorere bidakwiriye umukristu. Birababaje kubona urwikekwe, inzangano, amarozi, ubwicanyi bigaragara mu ngo, mu miryango, mu baturanyi, mu bavandimwe kandi abantu biyita abakristu. Ndabasaba n'umuganda wanyu mu kugengwa buri gihe n'urukundo mu byo dukora byose. Yezu ati: "Icyo bose bazamenyeraho ko muri abigishwa banje, ni urukundo muzaba mufitanye" (Yh 13,35). Yezu yadusigiye umurage: nimukundane,.... Ahavugwa ubwicanyi, inzangano, amarozi, aho bahora bikanga uburozi, indwara yose ikabona igisobanuro mu barozi, no gutungana agatoki rimwe na rimwe nta n'icyo ushingiraho usibye gukeka byashimangiwe n'abatetsi b'umutwe bakurya amafaranga, ni ikimenyetso kitabeshya cy'uko aho hantu nta bukristu. Ni ubupagani, ni ikigaragaza ahabuze urukundo rwa kivandimwe, ni ikimenyetso cy'aho shitani: gatanya, sekibi aganje, aho yagize imbata. Kubyumva mu ngo z'abakristu, mu miryango y'abakristu, mu miryango remezo, mu

turere utu n'utu muri za Paruwasi bishengura umutima. Ni ukuvuga ko tukiri abakrsitu ku izina, babatizwa, batonda imirongo bahazwa n'ibindi ariko batari bimika urukundo rw'Imana n'urwa bagenzi babo mu buzima bwabo. Ni ikinyoma. Ni ukubeshya Imana. Umutima n'ubwenge byabo biri kure y'Ivanjili, ubuzima bwabo buhabanye n'ubwa gikristu. Uvuga ko akunda Imana yanga mugenzi we ni umubeshyi. Bavandimwe, mukomere ku murage twahawe n'Umwami wacu Yezu Kristu: URUKUNDO, urukundo rw'Imana n'urukundo rwa kivandimwe.

Twubakire ku rukundo ingo z'abashakanye zive mu manegeka umugabo n'umugore bahagarariye abakristu bavuze kuwa gatandatu ushize igihe twasozaga yubile y'ubusaserdoti, batabariza umuryango wugarijwe. Ingo zubatse mu manegeka ni ingo zubakiye ku bukire, amafranga, umutungo, zubakiye ku gahararo no kwishimisha, ku marangamutima n'indi micanga mutayobewe. Ingo zubatse ku rutare ni izubatse ku rukundo.

Bavandimwe, twahimbaje yubile y'ubusaserdoti kandi nkuko twabibabwiye, uyu mwaka utaha uzaba ari uwo ubwiyunge bw'abanyarwanda. Nimurebe umuganda wanyu mu gufasha abana b'u Rwanda mu kubana neza, nta vangura nta heza, nta rwango n'inzika. Duhereye mu ngo zazu maze twubake sosiyete irangwa n'ubutabera n'amahoro, twubake u Rwanda rwiza rubereye abanyarwanda.

3) -Ishyaka rya Kliziya

Nk'urumuri rw'isi n'umunyu w'isi, ndabashimira uruhare mugira mu guhindura ubuzima bw'abantu bukarushaho kubera Imana na Kliziya. Muri Paruwasi nyinshi haragaragara ubushake bwo guca umuco mubi wo kwishyingira wokame cyane cyane Paruwasi zikora ku nkengero z'ibirunga, hari abamaze kumva ko ituro rya Kliziya ari uruhare umukristu agira buri mwaka mu buzima no mu butumwa bwa Kliziya, mutunga kandi mugafasha abapadri banyu mu butumwa kandi mwitabira gutanga umuganda mu bikorwa byo guteza imbere Paruwasi zanyu mwiybakira Kliziya ndetse n'andi mazu akenewe nk'amacumbi n'ibiro by'abapadri. Ndabibashimiye. Nshimiye ku mugaragaro Paruwasi ya Busogo igikorwa gishimishije iri gukora ku Murama itegura ishingwa rya Paruwasi ya Murama. Ndashimira Paruwasi Bumara iri kubakira Uhoraho indi ngoro imukwiriye. N'izindi Paruwasi: Janja, Nemba n'abakristu bose barebwa n'ishingwa rya Busengo na Kanaba zaratangiye. Turifuza ko barushaho gushyiramo imbaraga.

4) –Kwita ku bato n'urubyiruko

Iyo umuntu arebye abagize imiryango imwe n'imwe wagirango kwibumbira hamwe nk'abakristu mu miryango cyangwa mu mahuriro ni ibyo abasheshe akanguhe. Bavandimwe, nta muryango w'umwihariko cyangwa ingarigari y'abasheshe akanguhe. Bana bacu, rubyiruko, muri Kliziya y'eo, muri u Rwanda rw'eo. Nimugane Imiryango y'Agisiyo Gatolika n'andi mahuriro mushobore gukura neza mu bukristu no kuba ingirakamaro muri Kliziya. Abakuru b'Imiryango ya Afgisiyo gatolika n'andi matsinda mujye muzirikana ko abenshi muri abo bato n'urubyiruko

bari mu mashuri: abanza, ayisumbuye n'amakuru. Nimurebere hamwe uburyo umurongo n'imikorere byihariye by'umuryango bituma abato n'urubyiruko biyumvamo.

5) -Imyumvire myiza y'ubuyobozi muri Kliziya

Ku bijyanye n'ubuyobozi muri Kliziya, harimo n'ayo mahuriro yanyu, ntimugakore nk'ab'iyi si. Nimwibuke amagambo Yezu yabwiye abe agira ati: "Muzi ko abahawe kugenga amahanga bayagenga uko bashatse, kandi ko abatware bayo bayategekesha agahato. Kuri mwebwe rero, si ko bimeze. Ahubwo ushaka kuba mukuru muri mwe, niyigire umuhereza wanyu; ushaka kandi kuba uwa mbere muri mwe, azihindure umugaragu wanyu" (Mt 20,25-27). Arabishimangira agira ati: "Umukuru muri mwe azabe umugaragu wanyu" (Mt 23,11). Intambara mu buyobozi bw'amahuriro, inzangangano n'amahari, amashyaka ya gipagani mu by'Imana ni ugutana.

Ubuyobozi mu muryango ni ubuhereza, ni ubugaragu. Bivuga kuyoborana urukundo n'ubwitange abo ushinzwe no gucunga neza ibyo waragijwe. Ni ngomwa kwiyubaha, kubahisha umuryango, kubaha abagukuriye no kubahiriza umuryango urimo, guharanira ishema ry'umuryango,.... Abayobozi n'abayoboke b'imiryango muri rusange ndabasaba gukomera ku mugenzo mwiza wo kwicisha bugufi no kubaha ubuyobozi bwa Kliziya kugira ngo birinde gutana. Aha ndashishikaza abapadri n'abandi bafasha imiryango gukomeza kuba hafi y'abo bashinzwe kuko iyo ugiye kure ushobora gusanga n'igihe cya Musa bacuze ikimasa cya zahabu bati: "Israheli, dore imana zawe zakuvanye mu gihugu cya Misiri" (Iyim 32, 4). Mwite kandi mufashe imiryango mishya yemewe na Kliziya. Kwemerwa na Kliziya bisobanura ko bafite uburenganzira bwo gusohoza ubutumwa muri Kliziya kandi abayigize ari abavandimwe bakeneye gufashwa.

Banyakubahwa mwese muteraniye hano, Basaserdoti, Bihayimana, Bavandimwe,

Mu gusoza ndashimira uruhare abalayiki ba Diyosezi ya Ruhengeri bagize kandi bakomeje kugira mu butumwa bwa Kliziya. Ndabashimira urukundo n'ishyaka rya Kliziya mudahwema kugaragaza. Ndashimira ubufatanye hagati y'abapadri n'abalayiki butanga umusaruro. Ndashimira ababitangira bose batizigama nta yindi nyungu bakurikiye: abasaserdoti, abihayimana, abayoyobozi bayo matsinda yose, bitanga amanywa n'ijoro, bigomwa byose: igihe, umutungo wabo n'ibindi.

Ndashimira Padri Andreya NZITABAKUZE, umuhate n'umurava akorana mu butumwa yahawe na Kliziya. Ni inararibonye (Muzee wa Kazi).Ndabashimira uburyo mwateguye neza uyu munsi n'uburyo mwawitabiriye. Uyu munsi wagonze neza. Ababigizemo uruhare mwese ndabashimye namwe nimwishime.

Mwese, hamwe n'abanyu bose, Imana ibahe umugisha.

+Vincent HAROLIMANA, Umushumba wa Diyosezi ya Ruhengeri